Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

AKARERE KA KICUKIRO

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko Akarere gashaka guha akazi abantu mirongo itandatu (60) ku myanya y'abagize Urwego rushinzwe kunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga Umutekano (DASSO). Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umwe mu bagize DASSO agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

**Usaba akazi agomba kuba yujuje ibi bikurikira**

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite ubushake bwo gukora akazi;
3. Kuba afite imyaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 35, ku bantu bafite ubumenyi bwihariye mu by'umutekano iyi myaka ishobora kongerwa;
4. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire, afite icyemezo gituruka mu Murenge atuyemo;
5. Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye ($A_2$) no kuba afite amashuri atatu yisumbuye ($S_3$) kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye no gucunga umutekano;
6. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu (6);
7. Kuba afite icyemezo gitangwa na Muganga wemewe na Leta cyerekana ko afite amagara mazima;
8. Kuba atarigeze yirukanwa burundu mu kazi ka Leta cyangwa ngo ahagarikwe nta mpaka;
9. Kuba yiteguye gukora amahugurwa mu gihe cy'amezi atatu (3) mbere yo gutangira akazi;
10. Kuba yatsinze ibizamini byo kwinjizwa mu kazi k'Urwego rwa DASSO.

**Inyandiko zisaba akazi zigomba kuba zigizwe na:**

1. Ibaruwa isaba akazi iherekejwe n'umwirongoro (CV) wuzuye w'usaba;
2. Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri;
3. Fotokopi y'indangamuntu;
4. Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe na Leta cyerekana ko afite amagara mazima;
5. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge;
6. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzengo z'umutekano (ku bigeze kuzikoramo).

Inyandiko zisaba akazi zizatangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri **recruitment@kicukiro.gov.rw** kuva ku wa 10/05/2021 kugeza ku wa 18/05/2021 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

**Bikorewe Kicukiro, ku wa 06/05/2021.**

Digitally signed by CITY OF KIGALI (DEA KICUKIRO)

**UMUTESI Solange**
**Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro**